# 394: Duhurure ngo twitabe: Kwizera Kristo

1. Duhurure ngo twitabe, Tujye mu ntambara.
Mbe, kwicara kumaz' iki,Satan' akiriho ?
Dor' ar' imber'ahagaze.We n'abadayimoni.
Twiringiy' Umucunguzi Ko yamunesheje.

Ref: Kwizera Krisito ! Kwizera Krisito ! Ni ko kudushoboza Kunesh' iby'iyi si.

2. Twahaw' inkot' ikomeye, N' Ijambo ry'Imana.
Ni yo yanesherej' abe Mu bihe bya mbere.
Ingabo yitwa kwizera Yarabakingiye.
Natwe ni y' idukingira Twiringiye Yesu.

3. Abanzi baragwiriye, Barwany' Uwiteka.
Tuzabanesha, twambaye Intwaro ze zose:
Ingofero y'agakiza, Umweko w'ukuri,
Inkweto z'amahoro ye, Biradukomeza !

4. Unesh' ibyah' azambikwa Umwambaro wera.
Yes' azavug' izina rye Ku Mana mwijuru.
Dukanguke, dutambuke,Turwan'intambara
Tunesh' abanzi, twizeyo Izina rya Yesu.

Visit us at burundi.indirimbo.com